Repubulika y'u Rwanda

Minisiteri ishinzwe Ibikorwa by'Ubutabazi

## GUKUMIRA INKONGI Y'UMURIRO ITURUKA KU MASHANYARAZI.

### A. INTANGIRIRO

Inkongi y'umuriro ikunze kwibasira inyubako hirya no hino mu gihugu mu buryo butandukanye, ikangiza imitungo itari mike, igahitana ubuzima bw'abantu ndetse igakomeretsa abandi. Inkongi z'umuriro zibasira imirima n'amashyamba zikunze kuboneka mu gihe cy'icyi/ impeshyi.

Nyamara buri wese yitwararitse agakurikiza amabwiriza zihari zo gukumira inkongi y'umuriro, twahashya ibi byago. Buri wese arasabwa kwitwararika kugira ngo dukumire ingaruka z'inkongi y'umuriro, tunakumira kandi ibihombo duterwa nabyo:

### B. INGARUKA ZITERWA N'INKONGI Y'UMURIRO

Zimwe mu ngaruka ziterwa n'inkongi y'umuriro harimo:

- ✓ Gukomeretsa no gutwara ubuzima bw'abantu,
- ✓ Gukongora inyubako n'ibizirimo,
- ✓ Kwangiza ibidukikije no kwanduza ikirere,
- ✓ Kwangiza urusobe rw'ibinyabuzima,
- ✓ Ibihombo bitandukanye mu buhinzi n'ubworozi,
- ✓ Imyuka ihumanya iteza uburwayi bwiganjemo ubwo mu myanya y'ubuhumekero,

### C. UKO WAKUMIRA INKONGI Y'UMURIRO MURI RUSANGE

- ✓ Kwibuka kuzimya umuriro igihe cyose ushoje ibyo wawukoreshaga,
- ✓ Kwirinda gutuma abana kurahura umuriro kuko umuriro ushobora kubacika ugateza inkongi,
- ✓ Kwirinda kwegera ahibasiwe n'inkongi utari mu bikorwa by'ubutabazi,
- ✓ Kwirinda gusiga umuriro waka cyangwa igishirira hafi y'ibintu bishobora guteza inkongi nk'imyenda, ibyatsi byumye, ibikoresho byo mu nzu n'ibindi,
- ✓ Kunywera itabi ahabugenewe,
- ✓ Gukoresha neza ibikoresho bishobora guteza inkongi nka buji, ikibiriti, ipasi n'ibindi,
- ✓ Kwirinda gucururiza lisansi na petroli mu maduka cg se kubitunga mu ngo,
- ✓ Kwirinda ko umuriro wagera ku byatsi byumye nk'ishinge n'ibishogoshogo by'imyaka mu mirima cyangwa se iyasaruwe ijyanwa mu ngo no mu bubiko kuko bishobora guteza inkongi,
- ✓ Irinde gutwika amashyamba, ibyatsi n'ibiyorero,
- ✓ Fata ubwishingizi bw'imitungo hakiri kare.
- ✓ Irinde gutekera ahantu hafunze cyangwa ahantu urara.

P.O.Box: 4386 Kigali | Toll Free: 170 | Email: info@minema.gov.rw | Web: www.minema.gov.rw

## D. UKO WAKUMIRA INKONGI Y'UMURIRO ITERWA N'AMASHANYARAZI

Hirya no hino mu gihugu, hakunze kumvikana inkongi z'umuriro ziterwa n'amashanyarazi zigasiga iheruheru abatari bake. Ni ngombwa rero kwitwararika cyane kuri ibi bikurikira :

- ✓ Gukoresha ibikoresho by'amashanyarazi byujuje ubuziranenge gusa,
- ✓ Gukoresha inyigo mbere yo gushyira amashanyarazi mu nzu kugira ngo umenye ingano y'amashanyarazi uzakenera n'uburyo bwo kuyarinda ;
- ✓ Kwifashisha abatekinisiye babifitiye ubumenyi banabiherewe uruhushya n'inzego zibyemerewe,
- ✓ Gupfukisha ibikoresho byabugenewe iteranyirizo ry'insinga z'amashanyarazi no kuzigenzura kenshi,
- ✓ Kwirinda gucomekera rimwe ibikoresho birusha imbaraga amashanyarazi ukoresha,
- ✓ Gucomora ibikoresho by'amashanyarazi igihe usoje kubikoresha ;
- ✓ Mu gihe fusible yawe yikuyeho irinde kuyisubizaho, utabanje kumenya no gukemura ikibazo cyabiteye ;
- ✓ Irinde gusharija batiri ya telefoni ukoresheje insinga, koresha sharijeri yabugenewe ;
- ✓ Kugenzura inzira z'amashanyarazi mu gihe cyateganyijwe bijyanye n'ibikorerwa mu nyubako, bidasabye gutegereza ko zangirika ;
- ✓ Kuvugurura inzira z'amashanyarazi mu gihe zishaje n'igihe inyubako ihinduriwe icyo yakorerwagamo,
- ✓ Gutunga ibikoresho bizimya umuriro no kugenzura kenshi ko bikiri bizima (fire extinguishers),
- ✓ Kugira ibikoresho biburira ko hashobora kuba inkongi y'umuriro (smoke detectors, alarms …),
- ✓ Kugira ubwishingizi bw'inkongi y'umuriro,